**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA GATSIBO**
**BP: 36 NYAGATARE**
**Email:gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw**

## ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza abakozi mu rwego rwa DASSO. Ababyifuza kandi babifitiye ubushobozi bagomba kuba bujuje ibi bikurikira :

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba agejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18) kandi atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35) y'amavuko;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire ;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo ntakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye (A2); cyangwa yararangije amashuri atatu yisumbuye afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye n'umutekano
- Kuba afite amagara mazima n'intege zibashije imirimo ya DASSO bigaragazwa n'inyandiko za muganga wemewe na Leta ;
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwo ariwo wose wa Leta;

Ababyifuza kandi babifitiye ubushobozi basabwe kuzuza ifishi ikoreshwa mu gusaba akazi , iboneka ku rubuga rwa interineti rwa komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta no kubiro by'Akarere iherekejwe na fotokopi y'impamyabumenyi yavuzwe haruguru itariho umukono wa Noteri na fotokopi y'indangamuntu bigashyikirizwa ubunyamabanga rusange bw'Akarere ka Gatsibo mu masaha y'akazi guhera kuwa 20/10/2020 kugeza kuwa 27/10/2020 saa 17h00.

**Icyitonderwa:**
Iri tangazo riboneka kandi kuri Website y'Akarere ka Gatsibo ariyo: **www.gatsibo.gov.rw**

Bikorewe i Gatsibo kuwa 16/10/2020

**GASANA Richard**
**Umuyobozi w'Akarare ka Gatsibo**